

<p><b>ITEGEKO N° 019/2020 RYO KU WA 19/11/2020 RIHINDURA ITEGEKO N° 017/2020 RYO KU WA 07/10/2020 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA</b></p> <p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Ikiruhuko cyo kubyara</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b></p>	<p><b>LAW N° 019/2020 OF 19/11/2020 AMENDING LAW N° 017/2020 OF 07/10/2020 ESTABLISHING THE GENERAL STATUTE GOVERNING PUBLIC SERVANTS</b></p> <p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p> <p><b><u>Article One:</u> Maternity leave</b></p> <p><b><u>Article 2:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b></p> <p><b><u>Article 3:</u> Commencement</b></p>	<p><b>LOI N° 019/2020 DU 19/11/2020 MODIFIANT LA LOI N° 017/2020 DU 07/10/2020 PORTANT STATUT GÉNÉRAL RÉGISSANT LES AGENTS DE L’ÉTAT</b></p> <p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p> <p><b><u>Article premier:</u> Congé de maternité</b></p> <p><b><u>Article 2:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b></p> <p><b><u>Article 3:</u> Entrée en vigueur</b></p>
--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><b>ITEGEKO N° 019/2020 RYO KU WA 19/11/2020 RIHINDURA ITEGEKO N° 017/2020 RYO KU WA 07/10/2020 RISHYIRAHO SITATI RUSANGE IGENGA ABAKOZI BA LETA</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA</b></p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p> <p>Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 16 Ukwakira 2020;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 27, iya 30, iya 31, iya 32, iya 33, iya 64, iya 70, iya 88, iya 89, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 122 n’iya 176;</p>	<p><b>LAW N° 019/2020 OF 19/11/2020 AMENDING LAW N° 017/2020 OF 07/10/2020 ESTABLISHING THE GENERAL STATUTE GOVERNING PUBLIC SERVANTS</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p> <p><b>THE PARLIAMENT:</b></p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 16 October 2020;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 27, 30, 31, 32, 33, 64, 70, 88, 89, 90, 91, 93, 106, 120, 122 and 176;</p>	<p><b>LOI N° 019/2020 DU 19/11/2020 MODIFIANT LA LOI N° 017/2020 DU 07/10/2020 PORTANT STATUT GÉNÉRAL RÉGISSANT LES AGENTS DE L’ÉTAT</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p> <p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p> <p><b>LE PARLEMENT:</b></p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 16 octobre 2020;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 27, 30, 31, 32, 33, 64, 70, 88, 89, 90, 91, 93, 106, 120, 122 et 176 ;</p>
-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>Isubiye ku itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: Ikiruhuko cyo kubyara</u></b></p> <p>Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta ryongewemo ingingo ya 21 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p> <p><b><u>“Ingingo ya 21 bis: Ikiruhuko cyo kubyara</u></b></p> <p>Umukozi wa Leta w’umugore wabyaye afite uburenganzira ku kiruhuko cyo kubyara kingana n’ibyumweru cumi na bibiri (12) bikurikirana birimo ibyumweru bibiri (2) ashobora gufata mbere yo kubyara.</p> <p>Umukozi wa Leta w’umugore ushaka kujya mu kiruhuko cyo kubyara ageza ku muyobozi ushinzwe abakozi icyemezo cy’ikigo gitanga ibikorwa by’ubuvuzi cyemewe na Leta akagera kopi umuyobozi we wo ku rwego rwa mbere.”</p>	<p>Having reviewed Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing Public servants;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>Article one: Maternity leave</u></b></p> <p>In Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants, Article 21 <i>bis</i> is inserted to read as follows:</p> <p><b><u>“Article 21 bis: Maternity leave</u></b></p> <p>A female public servant who gives birth has the right to maternity leave of twelve (12) consecutive weeks including two (2) weeks she may take before delivery.</p> <p>A female public servant who wishes to take a maternity leave submits to the director of human resources a certificate of a recognized healthcare entity with a copy thereof to her immediate supervisor”.</p>	<p>Revu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l’État;</p> <p><b>ADOPTE:</b></p> <p><b><u>Article premier: Congé de maternité</u></b></p> <p>Dans la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l’État, il est inséré l’article 21 <i>bis</i> libellé comme suit:</p> <p><b><u>“Article 21 bis: Congé de maternité</u></b></p> <p>Un agent de l’État de sexe féminin qui accouche a droit à un congé de maternité de douze (12) semaines consécutives y compris deux (2) semaines qu’elle peut prendre avant l’accouchement.</p> <p>Un agent de l’État de sexe féminin qui désire prendre un congé de maternité soumet au directeur des ressources humaines un certificat d’une entité de santé agréée et réserve copie à son supérieur au premier degré”.</p>
-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><b><u>Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 8 Ukwakira 2020.</p>	<p><b><u>Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 3: Commencement</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effects as of 8 October 2020.</p>	<p><b><u>Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 3: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Elle sort ses effets à partir du 8 octobre 2020.</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

Kigali, 19/11/2020

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr. NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux